RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
**P.O. Box 1948 Kigali**
**info@rwandafda.gov.rw**
**www.rwandafda.gov.rw**

**Kigali on:** 30/12/2021
**Ref. N°: DIS/** 5281 **/FDA/2021**

**Abacuruza Ibinyobwa (Bose)**
**Abadandaza ibinyobwa (Bose)**
**Inzego z'ibanze (Zose)**
**Abaturarwanda (Bose)**

Bwana/Madamu,

**Impamvu: Gukura ku isoko inzoga yitwa UMUNEZA ikorwa n'uruganda rwitwa RWABEV Ltd**

Hashingiwe ku itegeko No: 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8 igika cya 2 n'igika cya 13.

Rwanda FDA ishingiye ku itangazo No DIS/5241/FDA/2021 ryo kuwa 27 /12/2021 ryahagarikaga byagateganyo inzoga zirimo iyitwa UMUNEZA. Rwanda FDA ishingiye ku igenzura ryakozwe nyuma ya raporo z'abantu bagizweho ingaruka zikomeye zirimo urupfu, guhuma n'izindi ngaruka nyuma yo kunywa inzoga yavuzwe haruguru.
Nyuma y'ibipimo bya Laboratwari byakozwe na Rwanda FDA byagaragaje ko iyi nzoga irimo ikinyabutabire cyitwa **Metanolu (Methanol)** ku kigero kiri hejuru; **Rwanda FDA ikuye ku isoko inzoga yitwa UMUNEZA kandi ihagaritse gucuruza, gukwirakwiza no kunywa iyo nzoga kubera ingaruka yagira kubuzima bw'abantu.**

Rwanda FDA irasaba:

1. Abagurishaga (abaranguza n'abadandazaga) iyo nzoga yavuzwe haruguru, haba mu tubari, mu ma butike n'ahandi; guhagarika kuzicuruza bakazisubiza aho baziranguye bakibona iri tangazo
2. Abaturarwanda bose; guhagarika kunywa izo nzoga zavuzwe haruguru,
3. Uruganda n'abaranguza; kwakira, kubika neza no gukora raporo y'inzoga basubijwe
4. Inzego z'ibanze zirasabwa gufasha mukumenyesha abaturarwanda ubutumwa buri muri iri tangazo ndetse no mugufasha mukura inzoga zakuwe ku isoko

**Icyitonderwa:** Ku bindi bisobanuro ndetse no kuduha makuru mwahamagara kuri telephone igendanwa: 0789 193 529, cyangwa kuri 9707 (nomero itishyurwa/toll free).

Tubashimiye ubufatanye bwanyu mukurengera ubuzima rusange bw'abantu

**Dr. Emile BIENVENU**
**Umuyobozi Mukuru,**
**Rwanda FDA**

Digitally signed by Rwanda FDA (Director General)
Date: 2021.12.30 16:30:24 +02'00'

**Amafoto y'inzoga zivanywe ku isoko burundu**







Ibiranga inzoga y'**UMUNEZA (Alc: 12.5% Vol)**

**Amakuru ari ku birango:**

Produced in Rwanda by: **RWANDABEV LTD**
**Contacts:** Email: umuneza1@gmail.com
Tel: (+250) 787 071 536
Eastern Province, Bugesera

**INGREDIENTS:**
Water
Sugar
Banana Juice
Sorghum grit & Yeast

Rwanda Food and Drugs Authority

Digitally signed by Rwanda FDA (Director General)
Date: 2021.12.30 16:31:15 +02'00'